


Inama ziyanye n'Ikoreshwa ry'Inyandiko y'Inkunga igenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC) (paji ya 5)--reba ifoto y'inyandiko iri hasi

1. **Koresha inyandiko y'inkunga igenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC) igihe ugiye guhahira gusa mu maduka yemewe na Gahunda ya WIC.**
 - ② **Reba amatariki ari ku nyandiko y'inkunga ya WIC.** Itariki ya mbere igaragaza umunsi wa mbere ushobora gutangira gukoreshaho inyandiko y'inkunga. Itariki ya kabiri igaragaza umunsi wa nyuma ushobora gukoreshaho inyandiko y'inkunga. Ushobora gukoresha icyarimwe umubare w'inyandiko z'inkunga za WIC wifuza wose, upfa kuba gusa amatariki aziriho ari hagati y'aya.
 - ③ **Reba amazina y'ibicuruzwa biri ku nyandiko y'inkunga n'umubare wa buri gicuruzwa ushobora kugura uyikoresheje.** Urugero ni nko kuba umubare wa galo z'amata, awunsi z'ibinyampeke cyangwa amacupa y'imitobe ushobora kugura biba byagaragajwe. Urutonde rw'ibiribwa byemewe na Gahunda ya WIC ruzagufasha kumenya ibiribwa ushobora kugura.
4. **Tandukanya ibiribwa bitangwa mu rwego rwa Gahunda ya WIC n'ibindi biribwa waguze.** Igihe uri bwishyure ukoresheje inyandiko z'inkunga zirenze imwe, shyira ibiribwa biri kuri buri nyandiko iruhande ukwabyo.
5. **Hereza uwakira amafaranga agatabo ka WIC n'inyandiko z'inkunga urigukoresha mbere yo kunyuzwa ibiribwa waguze ukoresheje inyandiko y'inkunga ya WIC muri sikaneri.**
- ⑥ **Andika igiteranyo cy'amafaranga agomba kwishyurwa ibiribwa ufashe mu rwego rwa Gahunda ya WIC ku nyandiko y'inkunga keretse igihe usanze iduka rifite akamashini k'inyemezabuguzi kakaba kamaze gucupa inyamezabuguzi.**
- ⑦ **Shyira umukono imbere ku nyandiko y'inkunga ahagana hasi mu nguni iburyo maze uyisubize uwakira amafaranga.** Uwakira amafaranga ajenzura ko umukono uriho uhuye koko n'umukono w'uhagarariye nyir'inyandiko, uwitabira gahunda cyangwa umwungirije bemewe bagaragara ku gatabo ka WIC.
8. **Igihe uguze umutobe uri mu icupa, bisaba ko usiga ingwate y'icupa. Usiga amasenti atanu kuri buri cupa.**
9. **Genzura neza ko bagusubije agatabo kawo kandi bakaguha n'inyemezabwishyu mbere yo kuva aho bishyurira.**



MAINE WIC NUTRITION PROGRAM 11 SHS, Augusta, Maine 04333 - 1-800-437-9300 - www.WICforME.com

NAME OF PARTICIPANT		FIRST DAY TO USE	LAST DAY TO USE	CHECK NUMBER
SAMPLE CHECK		3/23/2016	4/22/2016	03356295
PARTICIPANT I.D.	AGENCY	CLINIC	FOOD PACKAGE	FI TYPE
10043571				
FOR PURCHASE OF APPROVED WIC FOODS ONLY (NO SUBSTITUTIONS ALLOWED):				AMOUNT
2	Gallon(s) 1% or Skim Milk			\$
1	Pound(s) WIC Approved Cheese			
1	Dozen WIC Approved Eggs			
2	Can 11.5-12oz Frzn or Liq Concentrate Juice			
36	Ounces WIC Approved Cereal			
16	Ounces WIC Approved Whole Grain Item			
XXX END OF ORDER XXX				DEPOSIT WITHIN 60 DAYS OF FIRST DAY TO USE PAY TO THE ORDER OF MAINE WIC VENDOR
				X SIGNATURE OF AUTHORIZED REPRESENTATIVE OR PROXY

STAMP BELOW